Ibarura ry'Amerika ryo muri 2020

Ibyo ukwiye kumenya

Ibarura ry'Amerika ni iki?

Rimwe buri myaka 10, Leta y'Amerika igerageza kubara buri muntu uri mu gihugu hashingiwe aho atuye. Byitwa ibarura.

Itegeko risaba ko buri wese utuye muri Amerika (r1arisubiza hatitawe kuri sitati<) y'ubwimukira Iyo wageze muri Amerika nyuma ya tariki ya **1 Mata 2020**, ntugomba kuryitabira.

Leta ntiha amakuru yawe bwite uwo ari we wese, ntinayaha abandi bakozi ba leta cyangwa polisi. Bitandukanye n'amategeko.

Kubera iki ari ingenzi?

Umubare w'abantu babarwa ugira icyo uhindura ku mafaranga leta iha amashuri, ibitaro, ubwikorezi bw'ibintu n'abantu, n'amazu yubakirwa abaturage, ndetse n'akazi na gahunda uhabwa. Gutanga amakuru akwerekeyeho bifasha ibigo na gahunda zifasha abaturage gufasha umuryango n'abana bawe.

Ni iki ugomba kwitega?

Ifishi ni ngufi. Leta y'Amerika ikubaza umubare w'abantu batuye kuri aderesi yawe, niba utunze inzu cyangwa ukodesha, na nomero ya telefone yawe. Kuri buri muntu utuye mu rugo rwawe, leta ikubaza amazina ye, inshuro ahaba, isano mufitanye, niba ari umugabo cyangwa umugore, imyaka afite, itariki yavukiyeho, n'ubwoko bwe. Harimo n'abana bawe. NTUBAZWA nomero y'ubwiteganyirize cyangwa amakuru y'imari.

Usabwa gukora iki?

Muri Werurwe uzahabwa ibaruwa binyuze ku iposita uyakirire iwawe igusaba gutanga amakuru y'utuye mu rugo. Ushobora kwandika amakuru ku rupapuro wakira, kuri mudasobwa cyangwa kuri simatifone, cyangwa kuri telefone. Iyo udasubije ukoresheje bumwe muri ubwo buryo, uhabwa andi mahirwe: umuntu uturutse muri leta aza aho utuye maze akagusaba kwisubiriza ubwawe.

Bimenyeshe [Organization name] niba ufite ikibazo.



Click and type your contact information here

This document was developed by the International Rescue Committee.